Umwaka wa 2004 uzatubere umwaka w'uburumbuke no kurwanya ubukene mu Rwanda

Faustin TWAGIRAMUNGU

Banyarwanda, Banyarwandakazi namwe Nshuti z'u Rwanda,

Ikinteye kubagezaho iyi nyandiko ikubiyemo ibitekerezo bikurikira, ni ukubifuriza umwaka mwiza, muhire wa 2004 no gushimira Abanyarwanda bangiriye icyizere bakamfasha mu rugamba rwa politike, bakantwerera, bakampa ibitekerezo, bakanyamamaza, ababishoboye bakanantora ari benshi.

Uyu mwaka dutangiye uzababere bose umwaka w'amahoro, ariko cyane twese uzatubere umwaka wo **gutekereza no kungurana ibitekerezo** ku kibazo cy'ubutegetsi bwo mu Rwanda bukomeje kwitwara nk'ubutegetsi bwa cyami. « Inzu Perezida yiyubakiye kuva muri 1994 ngo azayinjizamo uwo ashaka ». Ubutegetsi bw'igitugu kimwe n'ubutegetsi bwa gihake ubundi mu gihe turimo bugomba kuvaho bugasimburwa n'ubutegetsi bwa « DEMOKARASI ».

Ku Banyarwanda twese umwaka wa 2004 uzatubere umwaka w'uburumbuke no kurwanya ubukene mu Rwanda. Abagifite aho bahinga bazeze, aborozi bagifite amatungo yabo azororoke, abacuruzi bagifite ibyo bacuruza bazunguke, abiga amashuri, mubyiciro by'ingeri zose, bose bazamenye ubwenge kandi batsinde.

Abakozi ba Leta n'ubwo tuzi akababaro kanyu mufatanije n'intica ntikize, turabifuriza gukomeza kwihangana no gukorera igihugu cyanyu neza. Uyu mwaka wa 2004 uzababere uw'uburumbuke maze Leta ibibuke kandi ibongerere umushahara.

Uyu mwaka wa 2004, n'umwaka twiyibutsa ko tumaze imyaka 10 mu Rwanda habaye amahano y'itsebatsemba. Ndifuriza Abanyarwanda bose ko uyu mwaka bazawugiramo amahoro n'amahirwe bidasanzwe, twese tugashakira hamwe icyatuma Abanyarwanda b'ingeri zose bagirana ukwizerana no gukundana, bakongera bakanywana bakiyemeza kubana nta mususu.

Ibi twifuza muri uyu mwaka bizashoboka igihe abapfushije ababo bose Leta izabafata kimwe itarobanura. Ibyo bizashoboka igihe abicanyi bose bazaba batacyindegembya mu gihugu. Ibyo bizashoboka kandi igihe ubwirasi, agasazuguro n'umuco **w'intsinzi** n'incyuro bizashira mu Rwanda. Ibyo nanone bizashira igihe abategetsi baziyumvisha ko ubutegetsi butangwa na rubanda nyarwanda. Ibyo bizashira igihe abategetsi bazumvako ubutegetsi bafashe ku ngufu z'ibunda atari ubwo gusimbuza, ubutegetsi bwa rubanda, guhanga no gushimangira ubutegetsi ngo bw'Abakurambere babo. Ibyo bizashoboka igihe ubutetsi bwa DEMOKARASI buzasimbura ubutegetsi bw'INTSINZI.

Nkuko nakuze kubivuga ubwiyunge bw'Abanyarwanda ntabwo buzashoboka mu Banyarwanda igihe cyose abahutu bazitwa abicanyi kamere, naho abatutsi babicanyi bari mu ngabo bakibwira ko bo bafite, cyangwa ko bari bafite, uburenganzira bwo kwica inzira karengane z'abahutu mu Rwanda no muri Congo. Politiki yo guhisha mahano hakoreshejwe iterabwoba n'ikinyoma ntabwo izakomeza guhabwa intebe. Iyo politiki niba idahindutse izisenya, kandi n'itisenya izasenywa byanze bikunze.

Kugirango twumvikane turasaba ko ubutegetsi buriho bwakwemera ko hashyirwaho « **Truth and Reconciliation Commission** », **Commission Vérité et Réconciliation** », ariyo **Komisiyo 'Ukuri n'Ubwiyunge**. **Iyo Komisiyo niyo izaba Kamarampaka yakabiri.** Ni ngombwa ko ibaho, aho gukomeza kubeshya amahanga na rubanda nyarwanda ngo hariho komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, Nshuti z'u Rwanda,
Imyaka ishize yabaye imyaka y'amaganya, n'amalira n'agahinda kuri benshi muri twe. Twarababaye ariko si twe twenyine: n'Abanyekongo benewacu barababaye kandi n'ubu twese abenshi turacyababaye.

Muri iyi myaka cumi(10) tugiye kurangiza muri uyu mwaka, ntabwo twakwirengagiza kandi ko Leta yashyizeho akayo ikongera amashuri makuru na za Kaminuza mu Rwanda. Leta kandi yavuguruye « police nationale » kugira ngo isimbure gendarmerie. Leta kandi yanavuguruye ku buryo budasanzwe itumanaho ku buryo bw'amaposita, telefone na internet. Ibyerekeranye n'amazu bwite niba byarateye imbere cyane muri iyi myaka 10, ntacyo byamariye umuturage uri mu cyaro.

Amatora ashize, **DEMOKARASI** yaranizwe kumugaragaro, ihambanwa ibyishimo by'**INTSINZI** ubu yabaye umurato mu Rwanda. Ibyifuzo by'Abanyarwanda ntabwo byubahirijwe. Ibyo byose kandi Abanyarwanda bene byo barabizi. Abahumiriza ni inkomamashyi. Kuba ndategeka si uko ntatowe ahubwo ni uko ntemewe n'udutsiko turi kubutegetsi. Ndashimira cyane Abanyarwanda bose bantoye. Nizeye ko igihe nikigera bazongera kuntora. Iyo demokarasi duharanira ntabwo tuzayihabwa n'ubutegetsi buriho. Tuzayihabwa n'ubushake bwacu. Amajyambere yari yaragezweho mu cyaro nayo agomba kurwanirwa akongera agahabwa agaciro.

Kigali kuba ari umurwa mukuru w'u Rwanda, ntibivuga ko igomba kuba ishingiro ry'amajyambere y'igihugu. Ishingiro ry'amajyambere y'igihugu ni imibereho myiza ya Rubanda nyarwanda. Bityo tugasanga icyaro ari ryo shingiro ry'amajyambere. Kubera izo mpavu **uyu mwaka 2004 twe tuwise uwo kurwanya ubukene mu cyaro**.

Mwarakoze, murakarama, mugire amahoro n'umwaka mwiza wa 2004.

Bruxelles, 31/12/2003

Faustin Twagiramungu